# 20: Mana, nyohererez' umuriro wawe

1. Mana, nyohererez' umuriro wawe, Ubu ni wo ntegereje. Mp' ubugingo bwiza, umpe n'uruku ndo. Unyuzuz' ibyiza byawe Yesu.

2. Ibitagushimishije, ubitwike. U nyogeshe ya maraso. Undinde kub' umunyagasunuguro. Yes' unyeze mbone gutungana.

3. Yes'undinde, sinkakugomer'ukundi. Kand' umar' umubabaro. Nyoboz' ukuboko kwawe Mwami Yesu, Kuko kenshi nd' umunyatege nke.

4. Mw ijuru tuzanezerwa bihebuje. Umubabar' uzashira. Hazabamw indirimbo zo gushimira, Zo guhimbaza Yesu Mucunguzi.

Visit us at indirimbo.com